

RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

# UMUSORO KU MUSARURO

HERE FOR YOU TO SERVE

## INTANGIRIRO

Iyi nyandiko yoroheje ku musoro ku nyungu yateguwe hagamijwe kworohereza abasora bashya biyandikishije mu bucuruzi ndetse n'abandi basanzwe bifuza gusobanukirwa kurushaho inshingano zabo zo gusora ndetse n'uburenganzira bwabo kugira ngo barusheho gukora neza ubucuruzi bwabo bubahiriza inshingano.

Inyigisho zikubiye muri iyi nyandiko zakuwe mu mategeko akurikira:

1. **Itegeko N°027/2022** ryo kuwa **20/10/2022** rishyiraho imisoro ku musaruro
2. **Itegeko nº 051/2023 ryo ku wa 05/09/2023** rihindura **Itegeko nº 027/2022** ryo ku wa **20/10/2022** rishyiraho imisoro ku musaruro

## UMUSORO KU MUSARURO NI IKI?

Ni umusoro ushingira ku musaruro cyangwa inyungu z'umuntu ku giti cye cyangwa isosiyeti ikora ibikorwa bibyara inyungu byaba ibyo ubucuruzi cyangwa ibindi.

## IGIHE CY'UMUSORO

Umusoro ku musaruro ubarwa mu gihe cy'umwaka usanzwe utangira ku itariki ya mbere Mutarama kugeza ku ya 31 Ukuboza, uretse aho biteganyijwe ukundi mu itegeko.

## IBYICIRO BYIFASHISHWA MU KWISHYURA UMUSORO KU MUSARURO

### 1. UMUSORO KU MUSARURO W'UMUNTU KU GITI CYE

Umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye uvanwa ku musaruro we wa buri mwaka.

Buri gihe cy'umusoro, usora utuye mu Rwanda yishyura umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye ufite inkomoko mu Rwanda no mu bikorwa bisoreshwa akorera mu mahanga.

## IGIPIMO CY'UMUSORO KU MUSARURO W'UMUNTU KU GITI CYE

### 1.1 Umusoro ukomatanije (PIT- Flat regime)

Wishyurwa n'umuntu ku giti cye ufite ibyacurujwe biri hagati ya miliyoni ebyiri n'ifaranga rimwe(2,000,001 Frw) na miliyoni 12 (12,000,000 Frw).

| Umubare w'ibyacurujwe mu mwaka (Frw) | Umusoro ukomatanyije mu mwaka (Frw) | Umusoro wishyurwa ku gihembwe |
|---|---|---|
| Kuva ku frw 1-2,000,000 | Nta musoro wishyurwa | Nta musoro wishyurwa |
| Kuva kuri 2,000,001-4,000,000 | 60,000 | Umusoro w'igihembwe ubarwa hashingiwe ku musoro w'umwaka wabanje ukagabanya igicuruzo cy'umwaka wabanje ugakuba n'igicuruzo wagize muri icyo gihembwe ugiye kwishyurira. |
| Kuva kuri 4,000,001-7,000,000 | 120,000 | |
| Kuva kuri 7,000,001-10,000,000 | 210,000 | |
| Kuva kuri 10,000,001 - 12,000,000 | 300,000 | |

### 1.2. Umusoro ucishirije wa 3% (PIT - Lump sum regime)

Abasora bari muri iki cyiciro ni abafite ibikorwa by'ubucuruzi bifite igipimo cy'ibyacurujwe kiri hagati ya 12,000,001 Frw kugeza kuri 20,000,000 Frw ku mwaka basora umusoro ucishirije wa 3% w'igicuruzo cyose babonye mu gihe cy'umwaka. Bashobora guhitamo gusoreshwa umusoro ku nyungu nyakuri, iyo biyemeje gukora ibaruramari rikurikije amategeko abigenga. Iyo bahisemo gusora ku nyungu nyakuri, bagomba kubimenyesha Ubuyobozi bw'imisoro, kandi icyo cyemezo ntigihinduka mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye igihe bamenyeshereje Ubuyobozi bw'imisoro uburyo bahisemo.

### 1.3. Umusoro ku nyungu nyakuri (PIT- real regime)

Ubarwa nyuma yo gukora ibaruramari rigaragaza inyungu nyakuri, izo nyungu zikabarwaho umusoro ku buryo bukurikira:

| Umwaka wa 2023 | | Igipimo cy'umusoro ku ijanisha(%) |
|---|---|---|
| Kuva | Kugera | |
| 1 | 720,000 | 0% |
| 720,0001 | 1,200,000 | 20% |
| 1,200,0001 | Kuzamura | 30% |

| Umwaka wa 2024 | | Igipimo cy'umusoro ku ijanisha(%) |
|---|---|---|
| Kuva | Kugera | |
| 0 | 720,000 | 0% |
| 720,0001 | 1,200,000 | 10% |
| 1,200,0001 | 2,400,000 | 20% |
| 2,400,001 | Kuzamura | 30% |

## UMUSORO KU NYUNGU Z'AMASOSIYETE

Umusoro ku nyungu z'amasosiyete ukurwa ku nyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi zabonywe n'abasora batari abantu ku giti cyabo.

Inyungu zisoreshwa zibarwa ku mubare uburungushuye w'amafaranga y'u Rwanda igihumbi (1,000 Frw) kandi zikishyurwaho umusoro ku gipimo cya makumyabiri n'umunani ku ijana (28%).

Icyakora, isosiyete yiyandikishije bwa mbere ku isoko ry'imari n'imigabane ryo mu Rwanda yishyura umusoro ku bipimo bikurikira mu gihe cy'imyaka itanu uhereye igihe yiyandikishirije

(a) 20% iyo iyo sosiyete igurisha kuri rubanda nibura 40% by'imigabane yayo;

(b) 25% iyo iyo sosiyete igurisha kuri rubanda nibura 30% by'imigabane yayo."

### Kumenyekanisha umusoro k'umusaruro (ku nyungu) no kwishyura ibihembwe.

Umusoro ku nyungu umenyekanishwa ukanishyurwa bitarenze taliki ya 31 Werurwe z'umwaka ukurikira umwaka w'ibikorwa,

Nyuma yo gusora bwa mbere habaho gutanga avansi buri gihembwe bitarenze kuwa 30 Kamena, 30 Nzeri, 31 Ukuboza muri uwo mwaka wakoreyemo imenyekanisha ry'umusoro ku nyungu.

Ayo mafaranga, yishyurwa mbere, abarwa hakuwemo umusoro wafatiriwe muri icyo gihembwe(WHT), uretse iyo umusaruro ukomokaho uwo musoro utabarirwa mu musaruro rusange usoreshwa.

### Amezi agize ibihembwe n'igihe byishyurirwa

| Igihembwe | Amezi agize igihembwe | Igihe cyo kumenyekanisha no kwishyura umusoro |
|---|---|---|
| 1 | 01 Mutarama kugeza 31 Werurwe | 01 Mata kugeza 30 Kamena |
| 2 | 01 Mata kugeza 30 Kamena | 01 Nyakanga kugeza 30 Nzeri |
| 3 | 01 Nyakanga kugeza 30 Nzeri | 01 Ukwakira kugeza 31 Ukuboza |
| Umwaka | 01 Mutarama kugeza 31 Ukuboza | 01 Mutarama kugeza 31 Werurwe |

**Icyitonderwa:** Umusoro k'umusaruro w'umwaka wose wishyurwa havuyemo umusoro wishyuwe mu bihembwe.

**Ku bindi bisobanuro mwabaza kuri Aderesi ikurikira:**


Call Center: 3004
E-mail:info@rra.gov.rw
Website: www.rra.gov.rw


**Werurwe 2024**